



Mutarama 2024

ikinyarwanda

# Izere ubuzima!

**Ni njye nzira n'ukuri n'ubugingo!**

(Yoh 14,6)

**Kontakt:** Meinolf Wacker  
Kirchplatz 7  
59174 Kamen

**Mobil.:** +49-172-5638432  
**Mail:** [meinolf.wacker@go4peace.eu](mailto:meinolf.wacker@go4peace.eu)  
**Homepage** [www.go4peace.eu](http://www.go4peace.eu)

Nshuti bakunzi ba go4peace,

Kenshi ubuzima budutegeka gufata ibyemezo, ubusanzwe bitoroshye gufatwa. Kugira ngo dushobore guhitamo inzira ikwiye, tubanza gutekereza, tugashaka amakuru, tukaganira n'inshuti zacu, kugira ngo twiyumvishe neza, mu mpande zose, ingaruka icyo cyemezo tugiye gufata gishobora kutugiraho. Gusa nyine, ni ngombwa kumenya ko kuri buri cyemezo umuntu afashe, hataburamo ugushidikanya muri twe, cyane cyane iyo turi mu cyiciro cy'abantu baba iteka bakeneye icyizere ijana ku ijana mbere yo gufata icyemezo iki n'iki.

Ibi Yezu yari abizi neza. Ni yo mpamvu yumvishije inshuti ze ko: „Ni njye nzira n'ukuri n'ubugingo!“ Bityo atumira buri wese, kwizera inzira itwerekeza mu buzima. Adutera akanyabugabo, yemwe no mu bihe bikomeye, ko gukomera no gukomeza urugendo, erega ni we nzira tugendaho. Ibi bishobora gutanga umutuzo mwinshi n'icyizere, yemwe n'imbaraga zo gufata icyemezo, n'ubwo bwose umuntu yaba yiyizereye ku rugero rwa 70 cyangwa 80%. „Nimureke twizere ubuzima kuko Imana ibana natwe“!. Uku ni ko umuntu witwa Alfred Delp yakomezaga abantu bo mu gihe cye, ubwo banyuraga mu bihe bikomeye. Nyuma yo gufata icyemezo, ngahaguruka nkagenda, ni bwo nshobora kubona ukuri nyako ku buzima bwanjye.

Yakundaga umuryango we cyane kurusha ikindi kintu cyose kibaho ku isi. Gusa igihugu akomokamo nticashoboraga kumugeza ku iterambere ndetse no ku mahirwe y'ubuzima, byari indoto ze. Ni uko atangira kwiga ikidage. Asaba kuba umukorerabushake mu gihugu cy'Ubudage. Nyuma y'ibintu byiza byinsi yari amaze kubona, muri icyo gihe yakoraga nk'umukoranabushake, yatangiye kwibaza muri we, niba yaguma mu Budage. Ese ndamutse mpagumye, byampira, ko mbona hari ibindi bintu byinshi nsabwa kuzuzwa, ntarabona? – Ni uko afata icyemezo cyo kuguma mu Budage. Yatangiye gukora amahugurwa atandukanye amufasha kwiga umwuga. Ariko igihe cyose ntihaburaga utubazo twa hato na hato. Hakurikiyeho amezi menshi yo gushidikanya gukomeye. Gusa yakomeje umutsi, akura imbaraga mu kwemera ndetse no mu biganirwa binyuranye yajyaga agirana n'inshuti ze, bari bafatanyije urugendo. Nyuma yaje kubona akazi k'igihe gito mu ishuri. Ako kazi karangiye yahise abona akandi mu rindi shuri ryari hafi aho. Ubwo yasezeraga kuri ka kazi ka mbere yabanjemo, haje abarimu benshi bakoranaga na we. Uwari ari aho wese yubonaga akanumva uburyo yari akunzwe cyane. „Mu cyumweru gitaha nzaba ntangiye akazi mu ishuri rishya! Ndumva mbabaye kubera ko bibaye ngombwa ko mva muri iri shuri natangiriyemo. Ariko nizeye ko no mu ishuri rishya ngiyemo naho bizagenda neza, nzakorana neza n'abo mpananze!“ – **Izere ubuzima!**

Ku bw'itsinda go4peace

Meinolf Wacker